



Umwaka wa 65
Igazeti ya Leta n° Idasanze
Bis yo ku wa 01/10/2026

Year 65
Official Gazette n° Special Bis of
01/10/2026

65^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial Bis du
01/10/2026

Ibirimo/ Summary/ Sommaire

page/ urup

Amabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga/ Instructions of the President of the Supreme Court / Directives du Président de la Cour Suprême

Amabwiriza ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga N° 001/2026 yo ku wa 01/10/2026 agenga imiburanishirize y'imanza zirimo abana.....2

Instructions of the President of the Supreme Court N° 001/2026 of 01/10/2026 governing judicial proceedings involving children.....2

Directives du Président de la Cour Suprême N° 001/2026 du 01/10/2026 régissant les procédures judiciaires impliquant les enfants.....2

AMABWIRIZA YA PEREZIDA W'URUKIKO RW' IKIRENGA N° 001/2026 YO KU WA 01/10/2026 AGENGA IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA ZIRIMO ABANA <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Ibirebwa n'aya mabwiriza <u>Ingingo ya 4:</u> Ibikubiye mu ihame ryo gushyira imbere inyungu z'umwana <u>UMUTWE WA II:</u> IMIBURANISHIRIZE Y'URUBANZA RURIMO UMWANA <u>Ingingo ya 5:</u> Umwihariko n'ingengabihe yihariye y'iburanisha	INSTRUCTIONS OF THE PRESIDENT OF THE SUPREME COURT N° 001/2026 OF 01/10/2026 GOVERNING JUDICIAL PROCEEDINGS INVOLVING CHILDREN <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of these instructions <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Scope of application <u>Article 4:</u> Components under the principle of best interests of the child <u>CHAPTER II:</u> CONDUCT OF COURT PROCEEDINGS THAT INVOLVE A CHILD <u>Article 5:</u> Particularity of a court proceeding involving a child	DIRECTIVES DU PRÉSIDENT DE LA COUR SUPRÊME N° 001/2026 DU 01/10/2026 RÉGISSANT LES PROCÉDURES JUDICIAIRES IMPLIQUANT LES ENFANTS <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier:</u> Objet des présentes directives <u>Article 2:</u> Interprétation <u>Article 3:</u> Champ d'application <u>Article 4:</u> Éléments constitutifs du principe de l'intérêt supérieur de l'enfant <u>CHAPITRE II:</u> CONDUITE DES PROCÉDURES IMPLIQUANT UN ENFANT <u>Article 5:</u> Particularité des procédures impliquant un enfant
--	---	--

<u>Ingingo ya 6:</u> Kubaka ubushobozi bw'abakozi bo mu nzego z'ubutabera mu manza zirimo abana	<u>Article 6:</u> Capacity building for justice sector actors in child justice proceedings	<u>Article 6:</u> Renforcement des capacités des acteurs du secteur de la justice dans les procédures impliquant des mineurs
<u>Ingingo ya 7:</u> Gutandukanya abana n'abantu bakuru	<u>Article 7:</u> Separation of children from adults	<u>Article 7:</u> Séparation des enfants et des adultes
<u>Ingingo ya 8:</u> Raporo ku mimerere n'imibereho by'umwana	<u>Article 8:</u> Report on the child's personality and circumstances	<u>Article 8:</u> Rapport sur la personnalité et la situation de l'enfant
<u>Ingingo ya 9:</u> Imiterere y'icyumba cy'iburanisha	<u>Article 9:</u> Courtroom environment and access	<u>Article 9:</u> Environnement de la salle d'audience et accessibilité
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibyerekeye umwambaro w'umwuga	<u>Article 10:</u> Concerning Professional attire	<u>Article 10:</u> De la tenue professionnelle
<u>Ingingo ya 11:</u> Iburanisha mu muhezo	<u>Article 11:</u> Proceedings in camera	<u>Article 11:</u> Audiences à huis-clos
<u>Ingingo ya 12:</u> Ubuhamya butanzwe n'umwana	<u>Article 12:</u> A child's account	<u>Article 12:</u> Témoignage d'un enfant
<u>Ingingo ya 13:</u> Kudatangaza umwirondoro w'umwana mu rubanza	<u>Article 13:</u> Non-disclosure of the child's identity in court proceedings	<u>Article 13:</u> Non-divulgence de l'identité de l'enfant dans le cadre de procédures judiciaires
<u>Ingingo ya 14:</u> Kunganirwa no guhagararirwa mu rubanza	<u>Article 14:</u> Legal representation and assistance	<u>Article 14:</u> Représentation légale et assistance juridique
<u>Ingingo ya 15:</u> Kudakoresha uburyo busanzwe	<u>Article 15:</u> Diversion	<u>Article 15:</u> la déjudiciarisation

<u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 16:</u> Ibyitabwaho mu gutanga ibihano	<u>Article 16:</u> Considerations in imposing sanctions	<u>Article 16:</u> Considérations relatives à l'imposition des sanctions
<u>Ingingo ya 17:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 17:</u> Language provision	<u>Article 17:</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 18:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 18:</u> Entry into force	<u>Article 18:</u> Entrée en vigueur

AMABWIRIZA N° 001/2026 YO KU WA 01/10/2026 YA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA AGENA IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA ZIRIMO ABANA	INSTRUCTIONS OF THE PRESIDENT OF THE SUPREME COURT N° 001/2026 OF 01/10/2026 GOVERNING JUDICIAL PROCEEDINGS INVOLVING CHILDREN	DIRECTIVES DU PRÉSIDENT DE LA COUR SUPRÊME N° 001/2026 DU 01/10/2026 RÉGISSANT LES PROCÉDURES JUDICIAIRES IMPLIQUANT LES ENFANTS
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;	The President of the Supreme Court;	Le Président de la Cour Suprême;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda;
Ashingiye ku Itegeko n° 012/2018 ryo ku wa 04/04/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;	Pursuant to Law n° 012/2018 of 04/04/2018 determining the organization and functioning of the Judiciary, as amended, especially in article 3;	Vu la Loi n° 012/2018 du 04/04/2018 portant organisation et fonctionnement du Pouvoir Judiciaire, telle que modifiée, spécialement en son article 3;
Ashingiye ku Itegeko n° 71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 5, iya 13, iya 14, iya 23, iya 24 n'iya 26;	Pursuant to Law n° 71/2018 of 31/08/2018 relating to the protection of the child, especially in articles 4, 5, 13, 14, 23, 24 and 26;	Vu la Loi n° 71/2018 du 31/08/2018 relative à la protection de l'enfant, spécialement en ses articles 4, 5, 13, 14, 23, 24 et 26;
Ashingiye ku Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 24, iya 46, iya 49, iya 54, iya 146, iya 147, iya 148, iya 149, iya 150, iya 151, iya 152, iya 153, n'iya 257;	Pursuant to Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure, as amended, especially in articles 24, 46, 49, 54, 146, 147, 148, 149, 150, 151, 152, 153, and 257;	Vu la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale, telle que modifiée, spécialement en ses articles 24, 46, 49, 54, 146, 147, 148, 149, 150, 151, 152, 153, et 257;
Ashingiye ku Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize	Pursuant to Law n° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and	Vu la Loi n° 22/2018 du 29/04/2018 portant code de procédure civile, commerciale, sociale

y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 85, n'ya 270; Ashingiye ku Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 33 n'ya 88; Amaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho Amabwiriza yerekeye imiburanishirize y'imanza zirimo abana; Bimaze gusuzumwa no kwemezwa n'Inama Rusange y'Urukiko rw'Ikirenga yo ku wa 30/07/2026; Ashyizeho Amabwiriza akurikira: <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije</u> (1) Aya mabwiriza agamije gutuma hatangwa ubutabera bubereye umwana, bwihuse kandi bwita ku nyungu z'umwana;	administrative procedure, as amended, especially in articles 85 and 270; Pursuant to Law n° 30/2018 of 02/06/2018 determining the jurisdiction of courts, as amended, especially in articles 33 and 88; Considering the necessity of issuing Instructions related to child judicial proceedings; After consideration and approval by the General Assembly of the Supreme Court, in its session of 30/07/2026; Issues the following Instructions: <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One: Purpose of these Instructions</u> (1) These Instructions aim to facilitate the fair, expeditious, and child-friendly justice, taking into account the best interests of the child;	et administrative, telle que modifiée, spécialement en ses articles 85 et 270; Vu la Loi n° 30/2018 du 02/06/2018 déterminant la compétence des juridictions, telle que modifiée, spécialement en ses articles 33 et 88; Considérant la nécessité d'édicter les directives relatives aux procédures judiciaires impliquant les enfants; Après examen et approbation par l'Assemblée Générale de la Cour Suprême, en sa séance du 30/07/2026; Émet les directives suivantes: <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier: Objet des présentes directives</u> (1) Les présentes directives ont pour objet de faciliter la détermination procédurale équitable, rapide et adaptée à l'enfant et tenant compte l'intérêt supérieur de l'enfant;
---	---	---

(2) By'umwihariko, aya Mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bwo: (a) gufata ibyemezo, bibaye ngombwa, bigamije kurengera umwana, kumugoragoza no kumushyira kuri gahunda y'igororamuco; (b) gutega amatwi umwana, ababyeyi be cyangwa abamurera, n'undi muntu wese ushobora kugira uruhare rufatika mu guca urubanza; (c) kubahiriza imiburanishirize ibereye umwana, imurinda gukangarana, gukozwa isoni, guhungabana no guteshwa agaciro, kandi ikubahiriza agaciro ke, ubuzima bwe bwite n'uburenganzira bwe.	(2) Specifically, these Instructions aim at setting up modalities to: (a) take protection, probation and reformation measures, when necessary; (b) hear the child, their parents or guardians, and any other person whose participation is necessary for the fair determination of the proceedings; (c) adapt the trial process to prevent the child from intimidation, humiliation, distress and deprivation of child dignity, privacy and rights.	(2) En particulier, les présentes directives ont pour objectif de mettre en place les modalités de: (a) prendre, le cas échéant, des mesures de protection, de reconsidération et de rééducation; (b) entendre l'enfant, ses parents ou tuteurs ainsi que toute autre personne dont la participation est jugée nécessaire à la résolution équitable de la procédure; (c) adapter la procédure de jugement afin d'éviter toute intimidation, humiliation, détresse et atteinte à la dignité de l'enfant, sa vie privée et ses droits.
<u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri aya Mabwiriza: (a) « kudakoresha uburyo busanzwe bw'imiburanishirize » bivuga gushaka ubundi buryo na gahunda biboneye harimo ubutabera nsanasano	<u>Article 2: Interpretation</u> In these Instructions: (a) “diversion” means channeling a child alleged to conflict with the law away from formal court procedures into alternative processes or programs,	<u>Article 2: Interprétation</u> Aux fins des présentes directives: (a) « déjudiciarisation » désigne l'orientation de l'enfant présumé en conflit avec la loi en dehors des procédures judiciaires formelles vers

bwo gukurikirana abana bakekwaho icyaha, bitabaye ngombwa ko baburanishwa mu buryo busanzwe; (b) « inyungu z’umwana » bivuga ihame ry’uko inyungu z’umwana zihabwa agaciro mbere y’ibindi mu cyemezo, igikorwa, uburyo bw’imikorere n’icyemezo cy’urukiko. Iryo hame risaba ko inzego zose zibifitiye ububasha zisuzuma kandi zigashyira imbere ibirengera uburenganzira, agaciro n’imibereho myiza by’umwana; (c) « ibibereye umwana » bivuga imikorere, imyitwarire n’imyifatire by’abafite aho bahuriye n’urubanza rurimo umwana byita ku mikurire n’ubushobozi by’umwana, kumurengera, gutuma agira uruhare mu bimukorerwa, kubahiriza imibereho ye bwite, icyubahiro cye n’ubuzima bwite bw’umuryango we; (d) « inzobere mu by’imitekerereze » bivuga umuntu	including restorative justice processes; (b) “best interests of the child” means the principle by which the overarching and paramount consideration that must guide every decision, action, procedure, or order concerning a child, while requiring that all competent authorities assess, determine, and give primary weight to the set of circumstances that most effectively safeguard and promote the child’s inherent dignity, rights, and holistic well-being; (c) “child-friendly” means attributes, attitudes and behaviors of those participating in a case involving a child taking into account the evolving capacity and developing maturity of the child, and to their enhanced need for protection, the need for participation of a child, respect for privacy, dignity and family life; (d) “psychologist” means a mental-health professional qualified to assess,	des processus ou des programmes alternatifs, y compris les mécanismes de justice réparatrice; (b) « intérêt supérieur de l’enfant » signifie le principe selon lequel la considération primordiale et déterminante doit guider toute décision, action, procédure ou ordonnance concernant un enfant, tout en exigeant que toutes les autorités compétentes évaluent, déterminent et accordent une importance primordiale à l’ensemble des circonstances qui assurent le mieux la sauvegarde et la promotion de la dignité inhérente, des droits et du bien-être global de l’enfant; (c) « adapté à l’enfant » signifie les attributs, les attitudes et les comportements de ceux qui participent dans une affaire impliquant un enfant, tenant compte des capacités évolutives et au degré de maturité de l’enfant, à son besoin accru de protection, à la participation de l’enfant, ainsi qu’aux exigences du respect de la vie privée, de la dignité et de la vie familiale; (d) « psychologue » signifie un professionnel de la santé mentale
--	--	--

usobanukiwe ibijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe wabyigiye, ufite ubushobozi bwo gusuzuma, gupima no guha inkiko cyangwa izindi nzego zishinzwe kurengera umwana ubufasha mu bijyanye n'imatekerereze, amarangamutima cyangwa imyitwarire; (e) « inzego z'ubutabera » bivuga inzego zose zigira uruhare mu itangwa ry'ubutabera, harimo iz'ubucamanza, ubushinjacyaha, ubugenzacyaha n'izindi nzego zifite ububasha buteganywa n'amategeko bwo gukemura amakimbirane, kuburanisha no gufata ibyemezo bifite ingaruka ku burenganzira, ku nshingano cyangwa ku kurengerwa k'umwana; (f) « ubutabera nsanasano » bivuga uburyo bwo gukemura amakimbirane cyangwa ingaruka z'icyaha, buhuza uwakorewe icyaha, uwagikoze, imiryango yabo cyangwa abandi bireba, ku bushake bwabo kandi hakubahirizwa uburenganzira bwa buri wese, kugira ngo baganire ku mpamvu n'ingaruka byacyo, bemeranye ingamba zo gusana ibyangiritse, kubazwa inshingano, gukosora	diagnose, and provide therapeutic interventions for child's cognitive, emotional, and behavioral needs within judicial or social-protection processes; (e) “justice systems” means formal and informal systems participating in the administration of justice, including courts, prosecution and investigation organs and other statutory disputes resolution mechanisms, with mandate to make decisions affecting rights, responsibilities and protection of the child; (f) “restorative justice” means an approach to justice which seeks to involve the parties, their families and communities in addressing the causes and consequences of a dispute and criminal liability to promote a willful reconciliatory solution aimed at enhancing accountability and fostering social harmony;	qualifié pour évaluer, diagnostiquer et fournir des interventions thérapeutiques adaptées aux besoins cognitifs, émotionnels et comportementaux de l'enfant dans le cadre des procédures judiciaires ou de la protection sociale; (e) « systèmes de justice » signifie les systèmes formels et informels intervenant dans l'administration de la justice, notamment les juridictions, les organes chargés des poursuites et des enquêtes, ainsi que d'autres mécanismes légaux de règlement des litiges, qui sont habilités à prendre des décisions ayant une incidence sur les droits, les responsabilités et la protection de l'enfant; (f) « justice réparatrice » signifie une approche de la justice visant à impliquer les parties, leurs familles et leurs communautés dans la gestion des causes et des conséquences d'un différend et de la responsabilité pénale afin de promouvoir une solution conciliatrice volontaire renforçant la responsabilité et favorisant la cohésion sociale;
--	--	--

amakosa, kugera ku bwiye no kongera kubana neza; (g) « umukozi ushinze imibereho myiza » bivuga umukozi wabihuguriwe ukora ibijyanye no gusuzuma imibereho rusange y’umwana agatanga ubufasha bukenewe mu gukurikirana no gukemura ikibazo cy’umwana, kandi akita ku bijyanye no kurengera umwana n’imibereho myiza ye mu gihe cyo gukurikirana urubanza mu nkiko cyangwa mu zindi nzego zigira uruhare mu gutanga ubutabera; (h) « umufasha mu by’imitekerereze n’imibanire ya muntu » bivuga umuntu wahuguwe utanga ubufasha bw’ibanze ku mwana ku bibazo birebana n’imitekerereze, amarangamutima n’imibanire ye n’abandi, akamufasha guhangana n’ingaruka z’ibyamubayeho no kubona serivisi ziboneye igihe bibaye ngombwa. Akora izo nshingano ayobowe n’impuguke mu by’imitekerereze cyangwa n’umukozi ushinze imibereho myiza; (i) « umuntu mukuru wizewe » bivuga umuntu umwana yihitiye cyangwa	(g) “social worker” means a trained professional responsible for assessing the child’s social environment, providing support and protection case management, and ensuring the child’s protection and welfare throughout courts or other organs participating in the administration of justice administrative procedures; (h) “psychosocial assistant” means a trained person who provides basic emotional, social, and practical assistance to a child, and help the them cope up with the undergone trauma effects as well as facilitating the child to have access to specialized services under the supervision of a psychologist or social worker; (i) “trusted adult” means a person identified by the child or designated by	(g) « travailleur social » signifie un professionnel qualifié chargé d’évaluer l’environnement social de l’enfant, d’assurer la prise en charge, le soutien et la protection de celui-ci, et de veiller à sa protection et à son bien-être dans le cadre des procédures judiciaires ou devant d’autres instances participant à l’administration de la justice; (h) « assistant psychosocial » signifie une personne de soutien formée, chargé de fournir une assistance émotionnelle, sociale et pratique de base à l’enfant, l’aide à surmonter les séquelles du traumatisme subi et lui faciliter l’accès aux services spécialisés sous la supervision d’un psychologue ou d’un travailleur social; (i) « adulte de confiance » signifie une personne identifiée par l’enfant ou
--	--	--

se watoranyijwe n'urwego rubifitiye ububasha, akaba ari umuntu wizewe, wafasha kandi ushobora kubungabunga imibereho myiza y'umwana, agaherekeza kandi agafasha umwana mu gihe cy'urubanza ariko atarwivanzemo; (j) « umwana » bivuga umuntu wese utarageza ku myaka 18 y'amavuko.	competent authorities as dependable, supportive, and capable of safeguarding the child's well-being, who accompanies or supports the child during proceedings without exerting undue influence; (j) “child” means any person under the age of 18.	désignée par les autorités compétentes comme fiable, soutenant et apte à préserver le bien-être de l'enfant, qui accompagne ou soutient l'enfant au cours des procédures sans exercer l'influence in due; (j) « enfant » signifie toute personne âgée de moins de 18 ans.
<u>Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya mabwiriza</u> Aya Mabwiriza areba imikemurire y'ibibazo binyuze mu nzego z'ubutabera birebana n'abana bari mu manza, ari abahohotewe cyangwa abatangabuhama, abakekwaho ibyaha, abahamwe n'ibyaha, cyangwa abashyizwe ahajyanye no kwita no kurengera abana mu gihe cy'iburanisha, cyangwa abafite ibibazo byerekeranye n'itegeko rigenga umuryango.	<u>Article 3: Scope of application</u> These Instructions apply to all procedures of the justice system, where children are brought into contact with the law, whether as victims or witnesses, alleged offenders, children who have been convicted or admitted responsibility for an offence or offences, or as subjects in care and protection proceedings, or in family law disputes.	<u>Article 3: Champ d'application</u> Les présentes directives s'appliquent à l'ensemble des procédures du système judiciaire dans lesquelles les enfants entrent en contact avec la justice, que ce soit en tant que victimes ou témoins, auteurs présumés d'infractions, déclarés coupables ou ayant reconnu leur responsabilité pour une ou plusieurs infractions, ou soumis à des procédures de protection et d'assistance ou ayant des litiges en matière de droit de la famille.
<u>Ingingo ya 4: Ibikubiye mu ihame ryo gushyira imbere inyungu z'umwana</u> Ihame ryo gushyira imbere inyungu z'umwana rikubiyemo ibi bikurikira: (a) kurengera uburenganzira n'agaciro	<u>Article 4: Components under the principle of best interests of the child</u> The principle of best interests of the child comprises the following: (a) protection of the child's inherent rights	<u>Article 4: Éléments constitutifs du principe de l'intérêt supérieur de l'enfant</u> Les éléments constitutifs du principe de l'intérêt supérieur de l'enfant sont les suivants: (a) la protection des droits inhérents et de

umwana avukana, hirindwa icyemezo cyose gishobora kumushyira mu kaga, kumuhutaza, gutuma atereranwa, aboneranwa cyangwa gishobora kumugiraho ingaruka ku mubiri, mu mitekerereze, mu marangamutima, mu myitwarire cyangwa mu mibereho ye;	and dignity, ensuring that no decision exposes the child to harm, abuse, neglect, exploitation, or any condition that may compromise physical, psychological, emotional, moral, or social welfare;	la dignité de l'enfant, en veillant à ce qu'aucune décision n'expose l'enfant aux préjudices, aux abus, aux négligences, aux exploitations ou à toute condition susceptible de compromettre son bien-être physique, psychologique, émotionnel, moral ou social;
(b) kubungabunga ubuzima bw'umwana, imibereho n'imikurire bye, hitabwa ku myaka afite, ikigero cy'imyumvire ye, n'ibikenewe kugira ngo akure neza;	(b) preservation of the child's life, survival, and development, taking into account the child's age, maturity, evolving capacities, and developmental needs;	(b) la préservation de la vie, de la survie et du développement de l'enfant, en tenant compte de son âge, de sa maturité, de ses capacités évolutives et de ses besoins de développement;
(c) guha agaciro ibitekerezo by'umwana, ahabwa umwanya uhagije wo kubitangaza mu bwisanzure, kandi bigahabwa agaciro gakwiye hakurikijwe imyaka ye n'urwego rw'imyumvire ye;	(c) putting into consideration the child's views, ensuring that the child is given the opportunity to express his or her opinions freely, and that such views are given due weight in accordance with age and maturity;	(c) la prise en considération des avis de l'enfant, en lui garantissant la possibilité d'exprimer librement ses vues et en leur accordant l'importance due compte tenu de son âge et de sa maturité;
(d) kubungabunga umubano we n'umuryango we ndetse n'abandi, uretse igihe bibangamiye umutekano n'imibereho myiza bye, hazirikanwa ko agomba gukomeza kwitabwaho, kubana n'abo bamenyeranye, no kuba ahantu hamufasha gukura neza;	(d) maintenance of family and community ties, unless contrary to the child's safety or welfare, including the importance of continuity in care, stable relationships, and a nurturing environment;	(d) le maintien des liens familiaux et communautaires, sauf si cela compromet la sécurité ou le bien-être de l'enfant, y compris l'importance de la continuité de la prise en charge, de relations stables et d'un environnement protecteur;
(e) kwirinda ko ibyemezo bimufatiwe bigaragamo ivangura rishingiye ku	(e) non-discrimination ensuring that all decisions affecting the child are free	(e) la non-discrimination, en veillant à ce que toutes les décisions concernant

gitsina, ku bumuga, ku cyiciro cy'imibereho, ku buryo yavutsemo cyangwa ku yindi mpamvu iyo ari yo yose;	from bias based on gender, disability, socio-economic status, birth, or any other status;	l'enfant soient exemptes de toute distinction basée sur le genre, sur le handicap, sur la situation socio-économique, sur la naissance ou sur toute autre situation;
(f) guha ubwihutirwe imanza zirimo umwana no kubahiriza n'imiburanishirize ibereye umwana, igamije kumurinda ihungabana, itamwongerera ibikomere kandi idatinza urubanza;	(f) timeliness and procedural fairness, requiring that all proceedings involving a child be expedited, child-friendly, and conducted with safeguards that minimize distress, secondary victimization, or undue delay;	(f) la célérité et l'équité procédurales, exigeant que toutes les procédures impliquant un enfant soient conduites rapidement, de manière adaptée à l'enfant, et assorties de garanties minimisant la détresse, la victimisation secondaire ou les retards injustifiés;
(g) gukora isuzuma ryuzuye, hitabwa ku byo umwana akeneye mu buzima, haba ku mubiri no mu mitekerezwe, mu burezi, mu mutekano, mu muco n'imyemerere n'imibereho rusange, hamwe n'ingaruka zishobora guterwa n'icyemezo icyo ari cyo cyose yafatirwa;	(g) holistic assessment, considering the child's physical and mental health, education, security, cultural and spiritual needs, and overall environment, as well as the likely consequences of any proposed measure towards them;	(g) l'évaluation globale, prenant en compte la santé physique et mentale de l'enfant, son éducation, sa sécurité, ses besoins culturels et spirituels, son environnement général, ainsi que les conséquences probables de toute mesure envisagée à son égard;
(h) guhagararirwa no kunganirwa mu rwego rw'amategeko ndetse no guhabwa ubufasha mu by'amategeko mu nzego zose z'urubanza, guhera akigezwa imbere y'inzego z'ubutabera.	(h) legal representation and assistance at all stages of the proceedings, from the initial point of contact with the law.	(h) être représenté et assisté légalement dans tous les stades de la procédure, dès le premier contact avec la justice.

UMUTWE WA II: IMIBURANISHIRIZE Y'URUBANZA RURIMO UMWANA <u>Ingingo ya 5:</u> Umwihariko mu rubanza rurimo umwana (1) Aho bishoboka, inkiko zishyiraho iminsi yihariye n'abacamanza bihariye baburanisha imanza zirimo umwana. (2) Imanza zirimo abana zigomba kwitabwaho mbere, mu kuzikurikirana, kuziburanisha no kuzifataho ibyemezo. (3) Mbere yo gushyira urubanza rurimo umwana kuri gahunda y'iburanisha, ubwanditsi bw'urukiko bugomba kubanza gukora inama ntegura rubanza hifashishijwe uburyo ubwo ari bwo bwose burimo n'ikoranabuhanga kugira ngo bugenzure ko dosiye yuzuye neza, n'umwana yiteguye kuburana. <u>Ingingo ya 6:</u> Kubaka ubushobozi bw'abakozi bo mu nzego z'ubutabera mu manza zirimo abana Abakozi bo mu nzego z'ubutabera bafite aho bahuriye n'imanza zirimo abana bahabwa amahugurwa mu bijyanye no kurengera no	CHAPTER II: CONDUCT OF COURT PROCEEDINGS THAT INVOLVE A CHILD <u>Article 5:</u> Particularity of a court proceeding involving a child (1) Courts, where practicable, set aside specific days and designate specialized judges for the hearing of cases involving a child. (2) Cases involving children are given priority in their handling, hearing, and determination. (3) Before placing a case involving a child on the hearing schedule, the court registry must first hold a pre-trial meeting, using any available means, including technology, to verify that the case file is complete and that the child is ready for the hearing. <u>Article 6:</u> Capacity building for justice sector actors in child justice proceedings Justice system personnel involved in matters of child justice and protection receive training in child protection and child justice	CHAPITRE II: CONDUITE DES PROCÉS IMPLIQUANT UN ENFANT <u>Article 5:</u> Particularité des procédures impliquant un enfant (1) Les juridictions, dans la mesure du possible, et désigner des juges spécialisés pour entendre les affaires concernant un enfant. (2) Les affaires impliquant les enfants sont traitées en priorité lors de leur instruction, de leur audition et de leur décision. (3) Avant d'inscrire au rôle une affaire concernant un enfant, le greffe du tribunal doit d'abord tenir une réunion pour la mise en état, en utilisant tout moyen disponible, y compris les technologies, afin de vérifier que le dossier est complet et que l'enfant est prêt pour l'audience. <u>Article 6:</u> Renforcement des capacités des acteurs du secteur de la justice dans les procédures impliquant des enfants Les personnels du système judiciaire intervenant dans les affaires de justice et de protection de l'enfant reçoivent la formation en
--	---	--

kuburanisha abana. <u>Ingingo ya 7: Gutandukanya abana n’abantu bakuru</u> (1) Umwana ucyekwaho icyaha ufunzwe atandukanywa n’abantu bakuru. (2) Umwana witabye urukiko atandukanywa n’abantu bakuru agashyirwa ahantu hatekanye kandi hatamukangaranywa mbere na nyuma y’iburanisha. Aza mu rubanza aherekejwe n’umuntu mukuru wizewe n’umwunganizi we igihe bibaye ngombwa. (3) Umwana ucyekwaho icyaha afunze agira uburyo bwihariye azanwa mu rukiko atavanzwe n’abandi baburanyi.	proceedings. <u>Article 7: Separation of children from adults</u> (1) A child alleged to conflict with the law, is detained separately from adults; (2) A child summoned by the court is separated from adults, and is placed in a safe place before and after the hearing. A child is always accompanied by a trusted adult and lawyer where appropriate. (3) A detained child alleged to conflict with the law is brought to court in a separate transportation from other suspects.	matière de protection de l'enfance et de procédures applicables aux enfants. <u>Article 7: Séparation des enfants et des adultes</u> (1) Un enfant présumé en conflit avec la loi est détenu séparément des adultes. (2) A sa comparution devant le tribunal, l’enfant est séparé des adultes et il est placé en lieu sûr avant et après l'audience. L'enfant est toujours accompagné de manière appropriée par un adulte de confiance et, le cas échéant, par un avocat. (3) Un enfant en détention présumé en conflit avec la loi est conduit au tribunal dans un moyen de transport distinct de celui des autres suspects.
<u>Ingingo ya 8: Raporo ku mimerere n’imibereho by’umwana</u> (1) Mbere y’uko urukiko ruburanisha cyangwa rufata icyemezo ku rubanza rurimo umwana, yaba ari ukekwa icyaha, cyangwa uwakorewe icyaha, rusaba umushinjacyaha ufite iyo dosiye kubanza gutanga raporo inononsoye yakozwe kuri uwo mwana. Iyi raporo iri	<u>Article 8: report on the child’s personality and circumstances</u> (1) Before a court proceeds to try and determine a case involving a child, whether as an offender or victim, the court requires a comprehensive report from the prosecutor in charge of the case file. This report is part of the case file, failure to submit it prevents the case from being	<u>Article 8: Rapport sur la personnalité et la situation de l’enfant</u> (1) Avant que la juridiction ne procède à l’audience et à la décision d’une affaire impliquant un enfant, que ce soit en qualité d’auteur présumé ou de victime, elle exige un rapport complet établi par le procureur en charge du dossier. Ce rapport fait partie du dossier, son absence empêche

mu bigize dosiye, kutayitanga bituma ikirego kitandikwa mu rukiko.	registered in court.	l'enregistrement de l'affaire au tribunal.
(2) Inyandikomvugo na raporo bigenewe urukiko bigaragaza ishusho nyakuri y'umwana bireba n'ubuzima bw'umuryango we. Raporo igaragaza ibintu byose bishobora kumurengera n'ibishobora kumushyira mu kaga.	(2) Statements and reports for the Court always present a balanced objective view of the child and their family circumstances; it should accurately note all protective as well as risk factors to the child.	(2) Les déclarations et les rapports soumis à la juridiction présentent toujours une analyse équilibrée et objective de l'enfant et de sa situation familiale, en relevant avec précision tous les facteurs de protection et de risque.
(3) Raporo iba ikubiyemo:	(3) The report includes:	(3) Le rapport comprend:
(a) umwirondoro w'umwana, imibereho y'umuryango we n'amateka ye;	(a) child's identification, his/her family background, and history;	(a) L'identification de l'enfant, son contexte familial et son parcours;
(b) ubuzima bw'umwana n'ibijyanye n'imikurire ye;	(b) child's health and developmental needs;	(b) l'état de santé et les besoins de développement de l'enfant;
(c) amashuri yize, uko yitwara hanze y'ishuri, uko yitwara ku ishuri, amanota abona mu ishuri, n'uko yitabira kwiga;	(c) educational background, out of school behaviour, school behaviour, school report and attendance record;	(c) le parcours éducatif, le comportement à l'école et en dehors de l'école, les bulletins scolaires et l'assiduité scolaire;
(d) ibijyanye n'uko yarezwe, umuryango yakuriyemo n'imibanire ye n'abandi;	(d) conditions relating to upbringing, including home environment and social influences;	(d) les conditions d'éducation, y compris l'environnement familial et les influences sociales;
(e) ibisubizo bya muganga cyangwa iby'impuguke mu by' imitekerereze bigaragaza ko umwana yakorewe ibizamini bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe cyangwa ibibazo	(e) results of either medical or psychological examinations conducted to assess the child's mental health and emotional condition;	(e) les résultats des examens médicaux ou psychologiques effectués pour évaluer sa santé mentale et état émotionnel de l'enfant;

by'amarangamutima; (f) Inama zatanzwe ku bijyanye n'igororwa ry'umwana no gusubizwa mu buzima busanzwe. (4) Inyandiko igaragaza ibikubiye muri iyi ngingo mu buryo burambuye iri ku mugereka w'aya mabwiriza. (5) Urukiko rugomba kwita kuri raporo ku mimerere n'imibereho by'umwana mu kumva neza imibereho y'umwana wazanwe mu rubanza, hashingiwe ku ihame ryo gushyira imbere inyungu z'umwana mu gutanga ubutabera bugamije kugorora, mu gufata icyemezo ku butabera butisunze inkiko cyangwa mu gufata ingamba zigamije kurengera umwana.	f) Any recommendations for appropriate rehabilitation or social reintegration measures. (4) A detailed document setting out the content of this article is annexed to these guidelines. (5) The court considers the report on the child's personality and circumstances to understand the child's circumstances, in accordance with the principles of the best interests of the child and rehabilitative justice, and to inform judicial decisions on diversion, or protective measures.	(f) Toute recommandation relative aux mesures appropriées de réhabilitation ou de réintégration sociale. (4) Un document détaillé exposant le contenu du présent article figure en annexe aux présentes lignes directrices. (5) La juridiction tient compte de l'objectif du rapport sur la personnalité et la situation de l'enfant afin de comprendre la situation de l'enfant, conformément aux principes de l'intérêt supérieur de l'enfant et de la justice réparatrice, et d'éclairer les décisions judiciaires en matière de déjudiciarisation, ou de mesures de protection.
<u>Ingingo ya 9:</u> Imiterere y'icyumba cy'iburanisha (1) Icyumba kiburanishirizwamo imanza zirimo abana kiba giteguye ku buryo bubereye umwana, butuma yumva atuje. Abashinzwe umutekano bambaye impuzankano y'akazi ntibagaragara muri izo manza uretse iyo bibaye ngombwa kubera impamvu z'umutekano.	<u>Article 9:</u> Courtroom environment and access (1) A courtroom handling children's matters is designed to be child-friendly, that promote comfort and psychological safety. Uniformed officers are not present unless necessary for security reasons.	<u>Article 9:</u> Environnement de la salle d'audience et accessibilité (1) La salle d'audience traitant des affaires impliquant les enfants est aménagée de manière adaptée à l'enfant, et favorisant son confort et sa sécurité psychologique. Les agents en uniforme ne sont présents que lorsque des impératifs de sécurité l'exigent.

(2) Abana bafite ubumuga bahabwa ubufasha bwihariye hakurikijwe imiterere y'ubumuga bafite nk'uko amategeko y'igihugu abiteganya ku bantu bafite ubumuga. <u>Ingingo ya 10: Ibyerekeye umwambaro w'umwuga</u> Umucamanza, umushinjacyaha n'umwavoka bari mu rubanza rurimo umwana ntibambara umwambaro w'umwuga ubaranga kandi bakoresha imvugo umwana abasha kumva bimworoheye, bakamusobanurira ibyo akeneye kumenya byose byerekeye urubanza. <u>Ingingo ya 11: Iburanisha mu muhezo</u> Imanza zirimo abana ziburanishirizwa mu muhezo. Iburanisha ryitabirwa gusa na: (a) Abacamanza, abakozi b'urukiko, ababuranyi, abunganizi mu mategeko n'abatangabuhamba ba ngombwa; (b) ababyeyi b'umwana cyangwa abamurera n'umukozi ushinzwe kurengera no gukurikirana imibereho ye; (c) abandi bantu urukiko rushobora kubona ko ari ngombwa ko bitabira	(2) Children with disabilities are provided with necessary support in line with national laws on persons with disabilities. <u>Article 10: Concerning Professional attire</u> The judge, the prosecutor, and the lawyer intervening in child cases do not wear professional attire and they communicate in a child friendly manner and ensure the child understands all aspects of the proceedings. <u>Article 11: Proceedings in camera</u> Proceedings pertaining to children are held in camera. Attendance is limited to: (a) Judges, judicial personnel, parties, advocates, and necessary witnesses; (b) parents or guardians of the child or child protection and welfare officer; (c) such other persons as the court may specially authorize to be present.	(2) Les enfants handicapés bénéficient des aménagements nécessaires conformément aux lois nationales relatives aux personnes en situation de handicap. <u>Article 10: De la tenue professionnelle</u> Le juge, le procureur et l'avocat intervenant dans des affaires impliquant des enfants ne portent pas de tenue professionnelle, communiquent de manière adaptée à l'enfant et s'assurent que celui-ci comprend tous les aspects de la procédure. <u>Article 11: Audiences à huis-clos</u> Les audiences concernant les enfants se tiennent à huis-clos. Seuls sont admis: (a) Les juges, le personnel judiciaire, les parties, les avocats et les témoins nécessaires; (b) les parents ou les tuteurs de l'enfant ou l'agent chargé de la protection et du bien-être de l'enfant; (c) toute autre personne expressément autorisée par la juridiction.
--	--	---

iburanisha. <u>Ingingo ya 12:</u> Ubuhamya butanzwe n'umwana Umwana uri mu rubanza nk'umutangabuhamya cyangwa utanga amakuru n'ibitekerezo ashwirwa ahantu hihariye kandi hatekanye. Iyo ari imanza z'ubutane, ibitekerezo bye ntibimenyeshwa ababuranyi uretse igihe umwana abyemeye. <u>Ingingo ya 13:</u> Kudatangaza umwirondoro w'umwana mu rubanza (1) Umwirondoro w'umwana ukurikiranyeho cyangwa wakorewe icyaha, n'ubazwa nk'umutangabuhamya nta na rimwe ugomba kwandikwa mu rubanza, gutangarizwa rubanda cyangwa itangazamakuru. (2) Abemerewe kwitabira iburanisha babujijwe gutangaza amakuru arebana n'urubanza rurimo umwana. <u>Ingingo ya 14:</u> Kunganirwa no guhagararirwa mu rubanza (1) Urukiko rureba ko abana bazanywe mu	<u>Article 12:</u> A child's account A child involved in legal proceedings as a witness, or one providing information and opinions, is placed in a separate child friendly setting. In divorce cases, their opinions are not disclosed to the litigants unless the child consents. <u>Article 13:</u> Non-disclosure of the child's identity in court proceedings (1) The identity of a child who is the subject of criminal proceedings, a victim of an offense, or heard as a witness must never be recorded in the case records or disclosed to the public or the media. (2) Those permitted to attend the hearing are prohibited from disclosing information regarding the case involving a child. <u>Article 14:</u> Legal representation and assistance (1) The court ensures that children alleged to	<u>Article 12:</u> Témoignage d'un enfant Un enfant impliqué dans une procédure judiciaire en tant que témoin, ou qui communique des informations et exprime son avis, est accueilli dans un espace distinct et adapté aux enfants. Dans les affaires de divorce, ses opinions ne sont pas divulguées aux parties au litige, sauf s'il y consent. <u>Article 13:</u> Non-divulgence de l'identité de l'enfant dans le cadre de procédures judiciaires (1) L'identité de l'enfant poursuivi en justice ou la victime d'une infraction et entendu en qualité de témoin ne doit jamais être consignée dans les actes de la procédure ni divulguée au public ou aux médias. (2) Les personnes autorisées à assister à l'audience ont l'interdiction de divulguer des informations concernant l'affaire impliquant un enfant. <u>Article 14:</u> Représentation et assistance juridique (1) La juridiction veille à ce que les enfants
---	--	---

manza bunganiwe cyangwa bahagarariwe mu by'amategeko mu buryo bukwiye, bitaba ibyo urukiko rugafata ibyemezo birengera inyungu z'umwana. (2) Iyo umwana afite ibibazo byihariye bisaba ubufasha bwihariye bitagaragaye mu nama ntegururubanza, umunyamategeko ukurikirana urwo rubanza agomba kubimenyesha urukiko kare cyane bishoboka.	conflict with the law have effective legal representation, without which the court shall take decisions in the best interests of the child. (2) Where a child has a particular vulnerability requiring special arrangements not raised in the pretrial conference, it is the duty of the lawyer representing or assisting the child to bring this to the attention of the court at the earliest opportunity.	présupposés en conflit avec la loi bénéficient d'une représentation légale effective, à défaut de quoi le tribunal prend des décisions dans l'intérêt supérieur de l'enfant. (2) Lorsqu'un enfant présente une vulnérabilité particulière nécessitant des aménagements spécifiques qui n'ont pas été évoqués lors de la mise en état, il appartient à son avocat d'en informer la juridiction dans les meilleurs délais.
<u>Ingingo ya 15: Kudakoresha uburyo busanzwe bw'imiburanishirize</u> (1) Aho bishoboka hose, urukiko ruburanisha urubanza rurimo umwana ukurikiranwaho icyaha rushishikariza ababuranyi gukoresha inzira y'ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha cyangwa ubwumvikane hagati y'uwakoze icyaha n'uwagikorewe iyo bitanyuranyije n'amategeko. (2) Mu gufata icyemezo, urukiko rushyira imbere uburyo bwo kugorora umwana kuruta kumuhana.	<u>Article 15: Diversion</u> (1) Wherever possible, the court hearing a case involving a child alleged to have committed an offence shall encourage the parties to opt for plea bargaining or amicable settlement between the offender and the victim unless otherwise provided by law. (2) In making its decision, the court prioritizes the rehabilitation of the child over punishment.	<u>Article 15: La déjudiciarisation</u> (1) Dans la mesure du possible, la juridiction saisie d'une affaire impliquant un enfant auteur présumé d'une infraction encourage les parties à recourir à une négociation des plaidoyers de culpabilité ou à un règlement amiable entre l'auteur de l'infraction et la victime sauf disposition contraire de la loi. (2) En prenant sa décision, la juridiction privilégie la réhabilitation de l'enfant plutôt que sa punition.

<u>Ingingo ya 16: Ibyitabwaho mu gutanga ibihano</u> Mu gihe cyo gutanga ibihano, Umucamanza agomba kwita ku mwihariko w'imiterere, n'imibereho y'umwana n'ubushobozi bwo kugororwa, kandi akabigaragaza mu rubanza. <u>UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 17: Ingingo y'ururimi</u> Aya Mabwiriza yateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 18: Gutangira gukurikizwa</u> Aya Mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro kayo gahera ku wa 01/11/2026.	<u>Article 16: Considerations in imposing sanctions</u> In imposing sanctions, the judge takes into account the child's specific circumstances, background, and rehabilitation potential, and states them in the judgment. <u>CHAPTER III: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 17: Language provision</u> These Instructions were drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 18: Entry into force</u> These Instructions come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. They take effect as of 01/11/2026.	<u>Article 16: Considérations relatives à l'imposition des sanctions</u> Lors de l'imposition des sanctions, le juge doit prendre en compte la situation particulière de l'enfant, ses conditions de vie et sa capacité de réhabilitation, et en faire mention dans le jugement. <u>CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 17: Disposition linguistique</u> Les présentes directives ont été rédigées en Ikinyarwanda. <u>Article 18: Entrée en vigueur</u> Les présentes directives entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Elles sortent leur effet à partir du 01/11/2026.
---	---	--

Kigali, 01/10/2026

(sé)

MUKANTAGANZWA Domitilla

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza
President of the Supreme Court and President of the High Council of the Judiciary
Présidente de la Cour suprême et Présidente du Conseil Supérieur de la Magistrature

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux